# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

**2023** Taliki 21-23 Nyakanga




**P.1 Rugby** : Lion de Fer RFC yegukanye igikombe cya shampiyona 2022-2023

# Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

## Ibirimo

P1 **Rugby :** Lion de Fer RFC yegukanye igikombe cya shampiyona 2022-2023

P2 **Cycling :** Mugisha na Ingabire begukanye "Legacy Sakumi Anselme Race 2023"

P2 **Basketball:** Orion BBC na FERWABA mu bufatanye bugamije kurengera ibidukikije

P3 **Karate:** FERWAKA yongereye ubumenyi abafite umukandara w'umukara mu Rwanda

P4 **Basketball:** Ikipe y'u Rwanda U-16 yabaye iya 5 mu bahungu, mu bakobwa iba iya 7 mu mikino y'Afurika

# 1 **Rugby :** Lion de Fer RFC yegukanye igikombe cya shampiyona 2022-2023



Ikipe ya Lion de Fer RFC ni yo yegukanye igikombe cya shampiyona 2022-2023 mu mukino wa Rugby nyuma yo gusoza imikino yose idatsinzwe.

Taliki 22 Nyakanga 2023 nibwo iyi kipe ya Lion de Fer RFC yashyikirijwe igikombe cya shampiyona gusa mbere yo kugishyikirizwa habaye umukino wayihuje na Kigali Sharks RFC. Uyu mukino wabereye ku kibuga cyo kuri Croix Rouge ku Kacyiru mu Mujyi wa Kigali warangiye ikipe ya Kigali Sharks RFC itsinze Lion de Fer RFC ibitego 18 kuri 17.




Gusa kuba Lion de Fer RFC yaratsinzwe uyu mukino  ntacyo byahinduye ku rutonde rwa shampiyona, kuko iyi kipe yari yaramaze kwegukana igikombe.

Nyuma yo kwegukana iki gikombe, umutoza wa Lion de Fer RFC, Kamali Vincent yagize ati : "Kwegukana iki gikombe ntago byari byoroshye, by'umwihariko kugitwara tudatsinzwe. Uretse ibi, abakeba nabo ntibatworoheye kuko buri mukino twakinaga wabaga umeze nk'uwa nyuma".

Perezida w'ishyirahamwe ry'umukino wa Rugby mu Rwanda “RRF”, Kamanda Tharcisse yashimye uburyo amakipe yitwaye by'umwihariko ko yagaragaje urwego ruri hejuru.



Yakomeje avuga ko nyuma y'uko umwaka w'imikino 2022-2023 urangiye hagiye gukurikiraho kwitegura imikino mpuzamahanga ku rwego rw'ikipe y'igihugu. Yagize ati : "Bamwe mu bakinnyi bahize abandi bazatoranywa n'umutoza w'ikipe y'igihugu mu rwego rwo kwitegura umukino wa gicuti uzaduhuza n'ikipe y'igihugu y'u Burundi, uzabera mu Karere ka Huye ".

Ikipe ya Lion de Fer RFC yegukanye shampiyona yahawe igikombe na sheke y'ibihumbi 500 by'amafaranga y'u Rwanda , ikurikirwa na Thousand Hills RFC yahembwe ibihumbi 300 na Muhanga Thunders yahembwe ibihumbi 200.




Uyu mwaka w'imikino watangiye muri Nzeri 2022 ahari hitabiriye amakipe 6 ari yo Lion de Fer RFC, Thousand Hills RFC, Muhanga Thunders RFC, Kigali Sharks RFC, Resilience RFC na Kamonyi Pumas RFC.



## **Cycling :** Mugisha na Ingabire begukanye "Legacy Sakumi Anselme Race 2023"

Taliki 23 Nyakanga 2023 habaye irushanwa ry'umukino wo gusiganwa ku magare "Legacy Sakumi Anselme Race 2023". Mugisha Moise mu cyiciro cy'abagabo na Ingabire Diane mu bagore ni bo begukanye iri siganwa ryari ribaye ku nshuro ya kabiri kuko ryaherukaga kuba muri 2019.

Muri iri siganwa hakoreshejwe inzira ya BK Arena-Nyarutarama-Kibagabaga-Kimironko-BK Arena.

**Uko isiganwa ryagenze**

- **Men Elite (102.6 km)**

**1.** Mugisha Moïse 2h45'31"
**2.** Byukusenge Patrick 2h52'30"
**3.** Nkundabera Eric 2h53'45"

- **Men Junior (79.8 km)**

**1.** Tuyizere Hashim 2h27'07"
**2.** Uhiriwe Espoir 2h27'08"
**3.** Shyaka Yussuf 2h27'45"

- **Women Elite (81.4 km)**

**1.** Ingabire Diane 1h59'18"
**2.** Djazila Mwamikazi 2h04'22"
**3.** Ntakirutimana Marthe 2h04'45"

- **Women Junior (68.4 km)**

**1.** Byukusenge Mariata 2h05'21"
**2.** Uwera Aline 2h06'44"
**3.** Iragena Charlotte 2h07'

- **Veterans**

**1.** Ruhumuriza Abraham
**2.** Matovu David
**3.** Uwimana Rafiki





## **Basketball:** Orion BBC na FERWABA mu bufatanye bugamije kurengera ibidukikije

Taliki 21 Nyakanga 2023, ikipe ya Orion BBC ikina shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo mu Rwanda yasinyanye amasezerano y'ubufatanye n'ishyirahamwe ry'umukino wa Basketball mu Rwanda "FERWABA" agamije kurwanya imihindagurikire y'ikirere binyuze mu kubungabunga ibidukikije muri gahunda "One Shot, One Tree Green Campain".

Muri iyi gahunda hateguwe irushanwa "One Shot One Tree Green Tournament 2023" mu bagabo n'abagore nyuma hakazaterwa ibiti bingana n'umubare w'amanota azinjizwa mu irushanwa ryose.

Iri rushanwa biteganyijwe ko rizaba mu Gushyingo 2023 rikazaba rikinwa buri mwaka. Amakipe 6 ya mbere muri buri cyiciro ni yo azitabira hakiyongeraho ikipe ya Orion BBC mu gihe itabashije kuza mu makipe 6 ya mbere mu bagabo.

Ikipe ya mbere izahembwa ibihumbi 20 by'amadorali y'Amerika naho umukinnyi uzitwara neza "MVP" azahembwa imodoka yo mu bwoko bwa SUV ikoresha amashanyarazi.








# 3 Karate: FERWAKA yongereye ubumenyi abafite umukandara w'umukara mu Rwanda

Taliki 22 Nyakanga 2023, ishyirahamwe ry'umukino wa Karate mu Rwanda "FERWAKA" ryakoresheje amahugurwa y'umunsi umwe agamije kongerera ubumenyi abafite umukandara w'umukara aho yitabiriwe n'abagera ku 110.

Aya mahugurwa yabereye muri Lycée Notre Dame des Anges i Remera yitabiriwe n'abafite umukandara w'umukara kuva kuri Dan ya mbere kugera ku ya gatandatu, abafite Dan ya 6 akaba ari bo bahuguye bagenzi babo.

Visi Perezida wa FERWAKA akaba n'Umuyobozi w'Abasifuzi, Mwizerwa Dieudonné yavuze ko aya mahugurwa yibanze kuri aba batoza kuko ari bo basanzwe bigisha abandi bakina Karate mu Rwanda.

Yakomeje avuga ko mu byo bibanzeho mu mahugurwa harimo tekinike z'ibanze zirimo kwitegura gukora Kata "kwiyerekana".

Perezida wa FERWAKA, Niyongabo Damien yavuze ko iyi gahunda izajya iba buri mwaka kuko igamije kuzamura umukino haba mu batoza n'abo bawigisha.
















# 4 **Basketball:** Ikipe y'u Rwanda U-16 yabaye iya 5 mu bahungu, mu bakobwa iba iya 7 mu mikino y'Afurika

Taliki 13 kugeza 23 Nyakanga 2023 mu Mujyi wa Monastir muri Tunizia habereye irushanwa ry'Afurika mu mukino wa Basketball mu batarengeje imyaka 16 mu bakobwa n'abahungu "FIBA U-16 African Championship 2023". Ikipe y'u Rwanda mu bahungu yasoreje ku mwanya wa 5 naho mu bakobwa isoreza ku mwanya wa 7.

**Mu bahungu** hari hitabiriye amakipe 10 aho yari agabanyije mu matsinda 2, itsinda A ryari ririmo Mali, Angola, u Rwanda, Cote d'Ivoire na Tunisia naho itsinda B ririmo Guinea, Misiri, Chad, Maroc na Uganda.

Ikipe y'u Rwanda mu mikino y'amajonjora yatsinze Tunisia amanota 78 kuri 59 itsindwa na Mali amanota 76 kuri 72, itsinda Cote d'Ivoire amanota 74 kuri 69 nyuma itsindwa na Angola amanota 60 kuri 59.

Muri ¼ , ikipe y'u Rwanda yatsinzwe na Misiri amanota 94 kuri 78. Mu mikino yo guhatanira imyanya (5-8), ikipe y'u Rwanda yatsinze Maroc amanota 77 kuri 76 inatsinze Cote d'Ivoire amanota 74 kuri 62 isoreza ku mwanya wa 5.

Ikipe ya Guinea ni yo yegukanye igikombe itsinze ku mukino wa nyuma Misiri amanota 84 kuri 76.

**Uko amakipe yakurikiranye**

Ikipe ya Guinea yaje ku mwnaya wa mbere ikurikirwa na Misiri (2), Mali (3), Angola (4), Rwanda (4), Cote d'Ivoire (6), Chad (7), Maroc (8), Tunisia (9) na Uganda (10).

Guinea na Misiri zabonye itike yo kuzahagararira Afurika mu mikino y'igikombe cy'Isi mu batarengeje imyaka 17 "FIBA U-17 Basketball World Cup 2024" izabera muri Turukia kuva taliki 29 Kamena kugeza 07 Nyakanga 2024.

**Mu bakobwa**, hari hitabiriye amakipe 8 aho yari agabanyije mu matsinda abiri. Itsinda A ryari ririmo Misiri, Tunisia, Uganda na Guinea naho itsinda B ririmo Mali, Angola, Maroc n'u Rwanda.

Mu mikino y'amajonjora, ikipe y'u Rwanda yatsinzwe na Maroc amanota 53 kuri 42, itsindwa na Mali amanota 108 kuri 24 inatsindwa na Angola amanota 74 kuri 42.

Muri ¼ , ikipe y'u Rwanda yatsinzwe na Misiri amanota 84 kuri 15. Mu guhatanira imyanya (5-8), ikipe y'u Rwanda yatsinzwe na Uganda amanota 65 kuri 44 nyuma itsinda Guinea amanota 54 kuri 43 yegukana umwanya wa 7.

Ikipe ya Mali ni yo yegukanye igikombe itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya Misiri amanota 57 kuri 56.

**Uko amakipe yakurikiranye**

Mali (1), Misiri (2), Angola (3), Tunisia (4), Maroc (5), Uganda (6), u Rwanda (7) na Guinea (8).

Ikipe ya Mali na Misiri ni zo zabonye itike yo kuzahagararira Afurika mu mikino y'igikombe cy'Isi mu batarengeje imyaka 17 "FIBA U-17 Basketball World Cup 2024" izabera muri Mexique kuva taliki 13 kugeza 21 Nyakanga 2024.










RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave